<p>5° ifasi y'iyandikishwa ry'ubutaka y'Intara y'Iburengerazuba.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Ubusabe bw'iyandikishwa ry'ubutaka</b></p> <p>Ubusabe bw'iyandikishwa ry'ubutaka bushyikirizwa umubitsi w'inyandikompano z'ubutaka mu ifasi ubwo butaka buherereyemo.</p> <p>Ubusabe bw'iyandikishwa ry'ubutaka butangwa binyujijwe mu buryo bw'ikorabuhanga bwo gutanga serivisi, cyangwa mu buryo bw'impapuro binyujijwe ku mukozi ushinze ubutaka ku rwego rw'Umurenge cyangwa urw'Akarere ubwo butaka buherereyemo.</p> <p>Icyakora, ubusabe bw'iyandikishwa ry'ubutaka mu rwego rw'ishoramari cyangwa urwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, bushobora gutangwa bitanyujijwe ku mukozi ushinze ubutaka ku rwego rw'Umurenge cyangwa urw'Akarere ubwo butaka buherereyemo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Imihango y'ibanze mu iyandikishwa ry'ubutaka</b></p> <p>Imihango y'ibanze mu iyandikishwa ry'ubutaka</p>	<p>5° territorial location for land registration of the Western Province.</p> <p><b><u>Article 13:</u> Application for land registration</b></p> <p>An application for land registration is submitted to the registrar of land titles in the territorial location where the land is located.</p> <p>The application for land registration is submitted through online mode of service delivery or in print format, through the staff in charge of land administration at the level of Sector or District where the land is located.</p> <p>However, application for land registration in the framework of investment or expropriation, may be submitted to the registrar of land titles, without passing through the staff in charge of land administration at the level of Sector or District where the land is located.</p> <p><b><u>Article 14:</u> Basic formalities for land registration</b></p> <p>Basic formalities for land registration are the</p>	<p>5° la localisation territoriale d'enregistrement foncier de la Province de l'Ouest.</p> <p><b><u>Article 13 :</u> Demande d'enregistrement foncier</b></p> <p>La demande d'enregistrement foncier est soumise au conservateur des titres fonciers de la localisation territoriale où les terres se situent.</p> <p>La demande d'enregistrement foncier est soumise par voie électronique de prestation de services en ligne ou sous format papier, par l'intermédiaire de l'agent chargé de l'administration foncière au niveau du Secteur ou du District où les terres se situent.</p> <p>La demande d'enregistrement foncier dans le cadre d'investissement ou d'expropriation peut être soumise au conservateur des titres fonciers, sans passer par l'intermédiaire de l'agent chargé de l'administration foncière au niveau du Secteur ou du District où les terres se situent.</p> <p><b><u>Article 14 :</u> Formalités de base pour l'enregistrement foncier</b></p> <p>Les formalités de base pour l'enregistrement</p>
--	---	--

<p>ni iyi ikurikira:</p> <p>1° iyandikishwa ry’ubutaka rikorerwa mu ifasi ubutaka bwandikwa buherereyemo;</p> <p>2° iyandikishwa ry’ubutaka rikorwa bisabwe na nyir’ubutaka cyangwa hashingiwe ku nyandikompesha, ku masezerano mpamo nyir’ubutaka yagiranye n’undi muntu imbere y’umunoteri w’ubutaka, cyangwa ku yindi nyandiko ishyirwaho n’amategeko, cyangwa byemejwe n’umubitsi w’inyandikompamo z’ubutaka;</p> <p>3° inyandiko n’ibimenyetso bitangwa mu iyandikishwa ry’ubutaka byandikwa kandi bikabikwa n’umubitsi w’inyandikompamo z’ubutaka bireba;</p> <p>4° ubutaka bwandikishijwe buhabwa inomeru yihariye iranga ubutaka, kandi inomeru yihariye iranga ubutaka bwari busanganywe mbere yo kugabanywamo ibice cyangwa guhuza ibice by’ubutaka igaragazwa muri rejisitiri y’ubutaka;</p> <p>5° iyandikishwa ry’ubutaka ritangirwa icyemezo cy’iyandikishwa ry’ubutaka;</p>	<p>following:</p> <p>1° land registration is done within the territorial location of the land;</p> <p>2° land registration is done upon request of the land owner, an enforcement order, an agreement between the land owner and a third party signed before a land notary, or another official document, or upon decision of the registrar of land titles;</p> <p>3° documents and proofs submitted for land registration are recorded and kept by a relevant registrar of land titles;</p> <p>4° registered land is assigned a Unique Parcel Identifier, and the old Unique Parcel Identifier of the land before being subdivided or merged is annotated in the land register;</p> <p>5° land registration is sanctioned with a certificate of land registration;</p>	<p>foncier sont les suivantes :</p> <p>1° l’enregistrement foncier se fait dans la localisation territoriale des terres ;</p> <p>2° l’enregistrement foncier est fait sur demande du propriétaire foncier, sur un titre exécutoire, ou sur une convention passée entre le propriétaire foncier et un tiers devant le notaire foncier, ou sur un autre document officiel, ou sur décision du conservateur des titres fonciers ;</p> <p>3° les actes et les preuves remis pour l’enregistrement foncier sont enregistrés et gardés par le conservateur des titres fonciers concerné ;</p> <p>4° les terres enregistrées sont attribuées un identifiant unique de la parcelle, et l’ancien identifiant unique de la parcelle des terres avant leur subdivision ou leur fusion est annoté dans le registre foncier;</p> <p>5° l’enregistrement foncier est sanctionné par un certificat d’enregistrement foncier ;</p>
---	---	--

<p>6° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka bwa Leta kigaragaza icyiciro cyabwo;</p> <p>7° iyandikishwa ry'itambamira ku ihererekanya ry'ubutaka rikorwa bisabwe n'ubifitemo inyungu, amaze kugaragaza ikimenyetso cy'uko nyir'ubutaka yabimenyeshejwe mu nyandiko.</p>	<p>6° the certificate of land registration for the State land indicates its classification;</p> <p>7° caveat on land transfer is registered upon request of the interested person, after submission of a proof attesting that the land owner was notified in writing.</p>	<p>6° le certificat d'enregistrement foncier pour les terres de l'État indique leur classification ;</p> <p>7° l'opposition à la mutation foncière est enregistrée sur demande d'une personne intéressée, après avoir présenté une preuve attestant que le propriétaire foncier en a été informé par écrit.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Imihango yihariye mu iyandikishwa ry'intizo cyangwa iry'ubukode bw'ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye</u></b></p>	<p><b><u>Article 15: Specific formalities for registration of concession or lease of State land for strategic investment</u></b></p>	<p><b><u>Article 15 : Formalités spécifiques pour l'enregistrement de la concession ou du bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique</u></b></p>
<p>Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ashyikiriza Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka inyandiko zisabwa mu kwandikisha intizo cyangwa ubukode bw'ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye.</p>	<p>The Minister in charge of land submits to the Chief Registrar of land titles the required documents for registering concession or lease of State land for strategic investment.</p>	<p>Le Ministre ayant les terres dans ses attributions transmet au Conservateur en Chef des titres fonciers les documents requis pour l'enregistrement de la concession ou du bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 16: Imimerere y'inyandiko n'ibimenyetso bitangwa mu iyandikishwa ry'ubutaka</u></b></p>	<p><b><u>Article 16: Condition of documents and proof to be submitted for land registration</u></b></p>	<p><b><u>Article 16 : État des actes et des preuves devant être remis pour l'enregistrement foncier</u></b></p>
<p>Inyandiko n'ibimenyetso bitangwa mu iyandikishwa ry'ubutaka bigomba kuba ari umwimerere cyangwa kopi yemejwe ko ihuye n'umwimerere iriho umukono w'umunoteri, cyangwa inyandiko ikorwa mu buryo</p>	<p>Documents and proof to be submitted for land registration must be original or true copies certified by the notary or an electronic document with a digital signature granted by the competent organ.</p>	<p>Les actes et les preuves devant être remis pour l'enregistrement foncier doivent être des originaux ou des copies conformes aux originaux certifiés par le notaire, ou un document électronique avec une signature numérique</p>

<p>bw'ikoranabuhanga iriho umukono koranabuhanga utangwa n'urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>Iyo izo nyandiko n'ibimenyetso ari inyandikompesha, bigomba kuba biriho inyandikompuruza cyangwa irangizarubanza.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Igihe ntarengwa cyo kwandikisha impinduka ku makuru y'ubutaka</p> <p>Igihe ntarengwa cyo kwandikisha impinduka ku makuru y'ubutaka ni iminsi mironko itandatu (60) uherye ku muni iyo mpinduka yabereyeho.</p> <p><b><u>Akiciro ka 2:</u></b> Uburyo bw'iyandikishwa ry'ubutaka</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Iyandikishwa ry'ubutaka butandikishijwe</p> <p>Ubutaka bw'umuntu butandikishijwe bwandikwa by'agateganyo nk'ubutaka buri mu mutungo bwite wa Leta, kugeza igihe ufite uburenganzira kuri ubwo butaka agaragarije umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka w'aho ubwo butaka buherereye, ibimenyetso byemeza ko afite uburenganzira kuri ubwo butaka, kugira ngo abumwandikeho.</p>	<p>If the documents and proof are enforcement orders, they must bear an enforcement formula or execution.</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Time limit for registration of change of land information</p> <p>Time limit for registration of change of land information is sixty (60) days from the date of the change.</p> <p><b><u>Subsection 2:</u></b> Modalities of land registration</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Registration of unregistered land</p> <p>Unregistered individual land is provisionally registered as the State land in private domain, until the holder of rights to the land provides the registrar of land titles of the territorial location of the land with proof attesting his or her rights to the land, for registration.</p>	<p>accordée par l'organe compétent.</p> <p>Lorsque les actes et les preuves constituent des titres exécutoires, ils doivent être revêtus de la formule exécutoire ou d'une exécution.</p> <p><b><u>Article 17 :</u></b> Délai limite pour l'enregistrement du changement des informations foncières</p> <p>Le délai limite pour l'enregistrement du changement des informations foncières est de soixante (60) jours à partir du jour du changement.</p> <p><b><u>Sous-section 2 :</u></b> Modalités d'enregistrement foncier</p> <p><b><u>Article 18 :</u></b> Enregistrement des terres non enregistrées</p> <p>Les terres d'un particulier non enregistrées sont provisoirement enregistrées dans les terres du domaine privé de l'État, jusqu'à ce que le titulaire des droits fonciers présente au conservateur des titres fonciers de la localisation territoriale de ces terres des preuves qui attestent qu'il est titulaire des droits fonciers, pour l'enregistrement.</p>
---	---	--

<p>Iyo ubutaka bwanditswe by'agateganyo mu mutungo bwite wa Leta bukenewe mu rwego rwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, umubitsi w'inyandikompamo z'ubutaka ateguka ufite uburenganzira kuri ubwo butaka, iyo azwi, kubwandikisha.</p> <p>Inzego za Leta zikoresha ubutaka bwa Leta butandikishijwe zibwandikisha kuri minisiteri ishinze imicungire n'imikoreshereze by'ubutaka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku izungura nta rage</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku izungura nta rage rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° inyandiko ihamya abazungura, iyo nta makimbirane ahari;</li> <li>2° kopi y'urubanza rwemeza abazungura n'uburenganzira bafite ku butaka, iyo hari amakimbirane;</li> <li>3° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa n'izungura;</li> <li>4° kopi y'ibiranga umuzungura;</li> </ol>	<p>If the land provisionally registered as the State land in private domain is required for expropriation, the registrar of land titles orders to the holder of rights to the land, when he or she is known, to process its registration.</p> <p>State organs using unregistered State land register it with the Ministry in charge of land management and use.</p> <p><b><u>Article 19: Land registration on basis of intestate succession</u></b></p> <p>Land registration on basis of intestate succession is done upon presentation of the following documents:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° a document certifying the heirs, in the absence of a dispute;</li> <li>2° a copy of judgement confirming the heirs and their rights to the land, in the event of a dispute;</li> <li>3° a certificate of land registration of the land subject to succession;</li> <li>4° a copy of the successor's identification document;</li> </ol>	<p>Lorsque les terres provisoirement enregistrées dans les terres du domaine privé de l'État sont requises aux fins d'expropriation, le conservateur des titres fonciers ordonne au titulaire des droits fonciers, lorsqu'il est connu, de les faire enregistrer.</p> <p>Les organes de l'État qui utilisent les terres de l'État non-enregistrées les font enregistrer auprès du ministère chargé de la gestion et de l'utilisation des terres.</p> <p><b><u>Article 19 : Enregistrement foncier suite à la succession ab intestat</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à la succession ab intestat est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° un document certifiant les héritiers, en l'absence du litige ;</li> <li>2° une copie de jugement confirmant les héritiers et leurs droits fonciers, en cas de litige ;</li> <li>3° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet de succession ;</li> <li>4° une copie de la pièce d'identité du successeur ;</li> </ol>
---	---	---

<p>5° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku irage</b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku irage rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° inyandikompano cyangwa inyandiko bwite y'irage;</p> <p>2° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa n'irage;</p> <p>3° indi nyandiko ishobora kugenwa hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>4° kopi y'ibiranga uwarazwe;</p> <p>5° inyandiko igaragaza irangamimerere ry'uwarazwe, iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>5° another document that may be determined by the Authority.</p> <p><b><u>Article 20:</u> Land registration on basis of inheritance</b></p> <p>Land registration on basis of inheritance is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° authentic or private will;</p> <p>2° a certificate of land registration of the land subject to inheritance;</p> <p>3° another document that may be determined in accordance with relevant laws;</p> <p>4° a copy of the heir's identification or registration document;</p> <p>5° a heir's civil status record, in case of an individual;</p> <p>6° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>5° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p> <p><b><u>Article 20 :</u> Enregistrement foncier suite à l'héritage</b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à l'héritage est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° le testament authentique ou sous-seing privé ;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet de l'héritage ;</p> <p>3° un autre document qui peut être déterminé conformément à la législation en la matière ;</p> <p>4° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement de l'héritier ;</p> <p>5° un acte de l'état civil de l'héritier, au cas où c'est un particulier ;</p> <p>6° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>
---	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 21: Iyandikishwa ry’ubutaka rishingiye ku mpano</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry’ubutaka rishingiye ku mpano rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° amasezerano y’impano;</li> <li>2° icyemezo cy’iyandikishwa ry’ubutaka burebwa n’impano;</li> <li>3° icyemezo cy’uko uwatanze impano yapfuye, mu gihe impano yatanzwe mu buryo bw’indagano;</li> <li>4° kopi y’ibiranga uwahawe impano;</li> <li>5° inyandiko zigaragaza irangamimerere ry’uwahawe impano n’iry’uwayitanze, iyo ari umuntu ku giti cye;</li> <li>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n’Ikigo.</li> </ul>	<p><b><u>Article 21: Land registration on basis of donation</u></b></p> <p>Land registration on basis of donation is done upon presentation of the following documents:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° a donation agreement;</li> <li>2° a certificate of land registration of the land subject to donation;</li> <li>3° a death certificate of the donor, in case the donation is in form of a legacy;</li> <li>4° a copy of the identification or registration document of the receiver of the donation;</li> <li>5° a civil status record of the donor and the receiver of the donation, in case of an individual;</li> <li>6° another document that may be determined by the Authority.</li> </ul>	<p><b><u>Article 21 : Enregistrement foncier suite à la donation</u></b></p> <p>L’enregistrement foncier suite à la donation est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° le contrat de donation ;</li> <li>2° le certificat d’enregistrement foncier des terres faisant l’objet de donation ;</li> <li>3° le certificat de décès du donateur, au cas où la donation est sous forme de legs ;</li> <li>4° une copie de la pièce d’identité ou d’enregistrement du donataire ;</li> <li>5° un acte de l’état civil du donateur et du donataire, au cas où c’est un particulier ;</li> <li>6° un autre document qui peut être déterminé par l’Office.</li> </ul>
<p><b><u>Ingingo ya 22: Iyandikishwa ry’ubutaka rishingiye ku bugure mu rwego rw’ishoramari</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry’ubutaka rishingiye ku bugure mu rwego rw’ishoramari rikorwa hamaze</p>	<p><b><u>Article 22: Land registration on basis of sale for investment</u></b></p> <p>Land registration on basis sale for investment is done upon presentation of the following</p>	<p><b><u>Article 22 : Enregistrement foncier suite à la vente aux fins d’investissement</u></b></p> <p>L’enregistrement foncier suite à la vente aux fins d’investissement est effectué sur présentation</p>

<p>kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° amasezerano y’ubugure;</p> <p>2° inyigo y’umushinga w’ishoramari yemejwe n’urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>3° inyandiko yemeza ko ishyirwa mu bikorwa ry’umushinga w’ishoramari rikeneye ubutaka, itangwa n’urwego rwa Leta rushinzwe ishoramari;</p> <p>4° icyemezo cy’iyandikishwa ry’ubutaka burebwa n’ishoramari;</p> <p>5° kopi y’ibiranga umushoramari;</p> <p>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n’Ikigo.</p>	<p>documents:</p> <p>1° a sales contract;</p> <p>2° a business plan of the investment project approved by the competent organ;</p> <p>3° a document issued by the State organ in charge of investment certifying that the implementation of the investment project requires land;</p> <p>4° a certificate of land registration of the land subject to investment;</p> <p>5° a copy of the investor’s identification document;</p> <p>6° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>des documents suivants :</p> <p>1° le contrat de vente ;</p> <p>2° un plan d’affaires du projet d’investissement approuvé par l’organe compétent ;</p> <p>3° un document délivré par l’organe de l’État chargé de l’investissement, certifiant que la mise en exécution du projet d’investissement nécessite les terres ;</p> <p>4° le certificat d’enregistrement foncier des terres faisant l’objet d’investissement ;</p> <p>5° une copie de la pièce d’identité de l’investisseur ;</p> <p>6° un autre document qui peut être déterminé par l’Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Iyandikishwa ry’amasezerano y’ubukode bw’ubutaka bwa Leta mu rwego rw’ishoramari rirambye</b></p> <p>Iyandikishwa ry’amasezerano y’ubukode bw’ubutaka bwa Leta mu rwego rw’ishoramari rirambye rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Registration of a contract of State land lease for strategic investment</b></p> <p>Registration of a contract of State land lease for strategic investment is done upon presentation of the following documents:</p>	<p><b><u>Article 23 :</u> Enregistrement du contrat de bail des terres de l’État aux fins d’investissement stratégique</b></p> <p>L’enregistrement du contrat de bail des terres de l’État aux fins d’investissement stratégique est effectué sur présentation des documents suivants :</p>

<p>1° amasezerano y'ubukode bw'ubutaka bwa Leta mu rwego rw'ishoramari rirambye;</p> <p>2° inyigo y'umushinga w'ishoramari rirambye yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>3° kopi y'imyanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yemeza gukodesha ubwo butaka mu rwego rw'ishoramari rirambye, iyo gukodesha bitanyuze mu ipiganwa;</p> <p>4° kopi y'ibiranga uwakodeshejwe ubutaka bwa Leta;</p> <p>5° inyandiko igaragaza inomero yihariye iranga ubutaka bukodeshejwe;</p> <p>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>1° a contract of State land lease for strategic investment;</p> <p>2° a business plan of the strategic investment project approved by the competent organ;</p> <p>3° a copy of the Cabinet resolutions approving the lease of the land for strategic investment, in case of the lease without competition;</p> <p>4° a copy of the State land lessee's identification or registration document;</p> <p>5° a document indicating the Unique Parcel Identifier of the leased land;</p> <p>6° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>1° un contrat de bail des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique ;</p> <p>2° un plan d'affaires du projet d'investissement stratégique approuvé par l'organe compétent ;</p> <p>3° une copie des décisions du Conseil des Ministres approuvant le bail de ces terres aux fins d'investissement stratégique, en cas de bail sans compétition ;</p> <p>4° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement du preneur du bail ;</p> <p>5° un document qui indique l'identifiant unique de la parcelle des terres sous bail;</p> <p>6° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku igurishwa</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku igurishwa rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° amasezerano y'ubugure;</p> <p>2° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka</p>	<p><b><u>Article 24: Land registration on basis of sale</u></b></p> <p>Land registration on basis of sale is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° a sales agreement;</p> <p>2° a certificate of land registration of the</p>	<p><b><u>Article 24 : Enregistrement foncier suite à la vente</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à la vente est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° le contrat de vente ;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement foncier des</p>

<p>burebwa n'ubugure;</p> <p>3° kopi y'ibiranga uwaguze;</p> <p>4° inyandiko zigaragaza irangamimerere ry'uwaguze n'iry'uwagurishije, iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>5° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>land subject to sale;</p> <p>3° a copy of the buyer's identification or registration document;</p> <p>4° a civil status record of the buyer and the seller, in case of an individual;</p> <p>5° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>terres faisant l'objet de vente ;</p> <p>3° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement de l'acheteur ;</p> <p>4° un acte de l'état civil du vendeur et de l'acheteur, au cas où c'est un particulier ;</p> <p>5° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25: Iyandikishwa ry'ukwatira</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ukwatira rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° ukwatira;</p> <p>2° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa n'ukwatira;</p> <p>3° kopi y'ibiranga uwatishije;</p> <p>4° inyandiko zigaragaza irangamimerere ry'uwatishije n'iry'uwatira, iyo ari umuntu ku giti cye;</p>	<p><b><u>Article 25: Registration of sublease</u></b></p> <p>Registration of sublease is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° a sublease;</p> <p>2° a certificate of land registration of the land subject to sublease;</p> <p>3° a copy of the sub-lessee's identification or registration document;</p> <p>4° a civil status record of the sub-lessor and the sub-lessee, in case of an individual;</p>	<p><b><u>Article 25 : Enregistrement de la sous-emphytéose</u></b></p> <p>L'enregistrement de la sous-emphytéose est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° la sous-emphytéose ;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet de la sous-emphytéose ;</p> <p>3° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement du sous-emphytéote ;</p> <p>4° un acte de l'état civil du bailleur et du sous-emphytéote, au cas où c'est un particulier ;</p>

<p>5° ifishi y'ibipimo by'ubutaka bwatishijwe iherekejwe na raporo y'ipimwa ry'ubutaka iriho umukono wa nyir'ubutaka n'uw'uwapimye ubutaka, aho biri ngombwa;</p> <p>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>5° a deed plan of the sub-leased land, accompanied by a land survey report signed by the land owner and the land surveyor, where applicable;</p> <p>6° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>5° la fiche cadastrale des terres en sous-emphytéose, accompagnée d'un rapport d'arpentage signé par le propriétaire foncier et par l'arpenteur-géomètre, le cas échéant ;</p> <p>6° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 26: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku igurana</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku igurana rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° amasezerano y'igurana;</p> <p>2° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa n'igurana;</p> <p>3° kopi z'ibiranga abaguranye;</p> <p>4° inyandiko zigaragaza irangamimerere ry'abaguranye, iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>5° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p><b><u>Article 26: Land registration on basis of exchange</u></b></p> <p>Land registration on basis of exchange is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° an exchange agreement;</p> <p>2° a certificate of land registration of the land subject to exchange;</p> <p>3° copies of identification or registration documents of parties in land exchange;</p> <p>4° civil status records of the parties in land exchange, in case of an individual;</p> <p>5° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p><b><u>Article 26 : Enregistrement foncier suite à l'échange</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à l'échange est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° le contrat d'échange ;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet d'échange ;</p> <p>3° des copies des pièces d'identité ou d'enregistrement des parties en échange des terres ;</p> <p>4° des actes de l'état civil des parties en échange des terres, au cas où c'est un particulier ;</p> <p>5° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>

<b><u>Ingingo ya 27: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kwegukana ingwate</u></b>	<b><u>Article 27: Land registration on basis of mortgage acquisition</u></b>	<b><u>Article 27 : Enregistrement foncier suite à l'acquisition de l'hypothèque</u></b>
<p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kwegukana ingwate rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p>	<p>Land registration on basis of mortgage acquisition is done upon presentation of the following documents:</p>	<p>L'enregistrement foncier suite à l'acquisition de l'hypothèque est effectué sur présentation des documents suivants :</p>
<p>1° icyemezo cyo kwegukana ingwate gitangwa n'Umwanditsi Mukuru;</p>	<p>1° a certificate of mortgage acquisition issued by the Registrar General;</p>	<p>1° un certificat d'acquisition de l'hypothèque délivré par le Registraire Général ;</p>
<p>2° ibaruwa y'Umwanditsi Mukuru isaba kwandika ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka, binyuze mu kwegukana ingwate;</p>	<p>2° a letter of the Registrar General requesting registration of transfer of land rights on basis of mortgage acquisition;</p>	<p>2° une lettre du Registraire Général demandant la mutation des droits fonciers suite à l'acquisition de l'hypothèque ;</p>
<p>3° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa no kwegukanwa kw'ingwate;</p>	<p>3° a certificate of land registration of the land subject to mortgage acquisition;</p>	<p>3° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet d'acquisition de l'hypothèque ;</p>
<p>4° kopi y'ibiranga uwegukanye ingwate;</p>	<p>4° a copy of the identification or registration document of the person who acquired the mortgage;</p>	<p>4° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement de la personne qui a acquis l'hypothèque ;</p>
<p>5° inyandiko igaragaza irangamimerere ry'uwegukanye ingwate, iyo ari umuntu ku giti cye;</p>	<p>5° a civil status record of the person who acquired the mortgage, in case of an individual;</p>	<p>5° un acte de l'état civil de la personne qui a acquis l'hypothèque, au cas où c'est un particulier ;</p>
<p>6° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>6° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>6° un autre document qui peut être déterminé par l'Office.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 28:</u> Iyandikishwa ry'intizo y'ubutaka</b></p> <p>Iyandikishwa ry'intizo y'ubutaka rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° intizo y'ubutaka mu rwego rw'ishoramari rirambye;</p> <p>2° inyigo y'umushinga w'ishoramari rirambye yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>3° kopi y'imyanzuro y'Inama y'Abaminisitiri yemeza gutiza ubwo butaka mu rwego rw'ishoramari rirambye, iyo gutizwa bitanyuze mu ipiganwa;</p> <p>4° inyandiko igaragaza inomeru yihariye iranga ubutaka bwatijwe.</p>	<p><b><u>Article 28:</u> Registration of land concession</b></p> <p>Registration of land concession is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° a land concession for strategic investment;</p> <p>2° a business plan of the strategic investment project approved by the competent organ;</p> <p>3° a copy of the Cabinet resolutions approving the concession of the land for strategic investment, in case of the concession without competition;</p> <p>4° a document indicating the Unique Parcel Identifier of the conceded land.</p>	<p><b><u>Article 28 :</u> Enregistrement de la concession foncière</b></p> <p>L'enregistrement de la concession foncière est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° la concession foncière aux fins d'investissement stratégique ;</p> <p>2° un plan d'affaires du projet d'investissement stratégique approuvé par l'organe compétent ;</p> <p>3° une copie des décisions du Conseil des Ministres approuvant la concession de ces terres aux fins d'investissement stratégique, en cas de concession sans compétition ;</p> <p>4° un document qui indique l'identifiant unique de la parcelle des terres en concédées.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange</b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p>	<p><b><u>Article 29:</u> Land registration on basis of expropriation</b></p> <p>Land registration on basis of expropriation is done upon presentation of the following documents:</p>	<p><b><u>Article 29 :</u> Enregistrement foncier suite à l'expropriation</b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à l'expropriation est effectué sur présentation des documents suivants :</p>

<p>1° inyandiko igaragaza icyemezo cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange yatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>2° inyandiko igaragaza ko indishyi ikwiye yishyuwe;</p> <p>3° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;</p> <p>4° ifishi y'ibipimo by'ubutaka bwabonywe binyuze mu kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, aho ari ngombwa, iherekejwe na raporo y'ipimwa ry'ubutaka iriho umukono w'uhagarariye urwego rwa Leta rwimuye abantu ku mpamvu z'inyungu rusange n'uw'uwapimye ubutaka;</p> <p>5° indi nyandiko ishobora kugenwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>1° a document proving the decision on expropriation issued by the competent authority;</p> <p>2° a proof of payment of fair compensation;</p> <p>3° a certificate of land registration of the land subject to expropriation;</p> <p>4° a deed plan of the land acquired through expropriation, where necessary, accompanied by a land survey report signed by a representative of the State organ that did expropriation and the land surveyor;</p> <p>5° another document that may be determined in accordance with relevant laws.</p>	<p>1° un document qui prouve la décision d'expropriation délivré par l'autorité compétente ;</p> <p>2° une preuve de paiement d'une juste indemnisation ;</p> <p>3° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet d'expropriation ;</p> <p>4° la fiche cadastrale des terres acquises par voie d'expropriation, le cas échéant, accompagnée d'un rapport d'arpentage signé par le représentant de l'organe de l'État qui a fait l'expropriation et par l'arpenteur-géomètre ;</p> <p>5° un autre document qui être déterminé conformément à la législation en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku buzime</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku buzime rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p>	<p><b><u>Article 30: Land registration on basis of prescription</u></b></p> <p>Land registration on basis of prescription is done upon presentation of the following documents:</p>	<p><b><u>Article 30 : Enregistrement foncier suite à la prescription</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à la prescription est effectué sur présentation des documents suivants :</p>



<p>1° raporo ya komite y'ubutaka ku rwego rw'Umurenge w'aho ubutaka buherereye;</p> <p>2° kopi y'ibiranga uwandikisha uburenganzira ku butaka bukomoka ku buzime;</p> <p>3° inyandiko igaragaza irangamimerere ry'uwandikisha uburenganzira ku butaka bukomoka ku buzime, iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>4° ifishi y'ibipimo by'ubutaka burebwa n'ubuzime, iherekejwe na raporo y'ipimwa ry'ubutaka iriho umukono w'uwandikisha uburenganzira ku butaka bukomoka ku buzime n'uw'uwapimye ubutaka;</p> <p>5° indi nyandiko ishobora kugenwa n'Ikigo.</p>	<p>1° a report of the land committee at the level of Sector, where the land is located;</p> <p>2° a copy of identification or registration document of the applicant for registration of the land rights on basis of prescription;</p> <p>3° a civil status record of the applicant for registration of the land rights on basis of prescription, in case of an individual;</p> <p>4° a deed plan of the land subject to prescription, accompanied by a land survey report signed by the applicant for registration of the land rights on basis of prescription and the land surveyor;</p> <p>5° another document that may be determined by the Authority.</p>	<p>1° un rapport du comité foncier au niveau du Secteur où les terres sont situées ;</p> <p>2° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement du demandeur de l'enregistrement des droits fonciers suite à la prescription ;</p> <p>3° un acte de l'état civil du demandeur de l'enregistrement des droits fonciers suite à la prescription, au cas où c'est un particulier ;</p> <p>4° la fiche cadastrale des terres concernées par la prescription, accompagnée d'un rapport d'arpentage signé par le demandeur de l'enregistrement des droits fonciers suite à la prescription et par l'arpenteur-géomètre ;</p> <p>5° un autre document qui être déterminé par l'Office.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 31: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kugabanyamo ibice ubutaka</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku kugabanyamo ibice ubutaka rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° ifishi y'ibipimo bya buri gice cy'ubutaka iherekejwe na raporo</p>	<p><b><u>Article 31: Land registration on basis of subdivision of land</u></b></p> <p>Land registration on basis of subdivision of land is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° a deed plan of each land subdivision accompanied by a land survey report</p>	<p><b><u>Article 31 : Enregistrement foncier suite à la subdivision des terres</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à la subdivision des terres est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° la fiche cadastrale de chaque subdivision, accompagnée d'un rapport d'arpentage</p>

<p>y'ipimwa ry'ubutaka iriho umukono wa nyir'ubutaka n'uw'uwapimye ubutaka;</p> <p>2° icyemezo cy'iyandikishwa ry'ubutaka burebwa no kugabanywamo ibice.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32: Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku guhuza ubutaka</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku guhuza ubutaka rikorwa hamaze kugaragazwa ibyemezo by'iyandikishwa ry'ubutaka buhana imbibi, buhuje nyir'ubutaka, kandi buhuje imicungire n'imikoreshereze, burebwa no guhuzwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 33: Iyandikishwa ry'ubutaka bwa mbere</u></b></p> <p>Iyandikishwa ry'ubutaka bwa mbere rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p> <p>1° inyandiko igaragaza abafite uburenganzira ku butaka itangwa na komite y'ubutaka ku rwego rw'Akagari yemejwe n'ubuyobozi bw'Akagari n'ubw'Umurenge ubutaka buherereyemo;</p> <p>2° kopi y'ibiranga uwandikisha ubutaka;</p>	<p>signed by the land owner and the land surveyor;</p> <p>2° a certificate of land registration of the land subject to subdivision of land.</p> <p><b><u>Article 32: Land registration on basis of merger of land</u></b></p> <p>Land registration on basis of merger of land is done upon presentation of certificates of land registration of the adjacent land with the same land owner, land management and use, subject to merger.</p> <p><b><u>Article 33: First land registration</u></b></p> <p>The first land registration is done upon presentation of the following documents:</p> <p>1° a document stating persons with land rights, issued by the land committee at Cell level, approved by the authority of Cell and Sector where the land is located;</p> <p>2° a copy of identification or registration document of the applicant for land</p>	<p>signé par le propriétaire foncier et par l'arpenteur-géomètre ;</p> <p>2° le certificat d'enregistrement foncier des terres faisant l'objet de la subdivision des terres.</p> <p><b><u>Article 32 : Enregistrement foncier suite à la fusion des terres</u></b></p> <p>L'enregistrement foncier suite à la fusion des terres est effectué sur présentation des certificats d'enregistrement foncier des terres contigües, ayant le même propriétaire foncier et assujetties à la même gestion et à la même utilisation, faisant l'objet de fusion.</p> <p><b><u>Article 33 : Premier enregistrement foncier</u></b></p> <p>Le premier enregistrement foncier est effectué sur présentation des documents suivants :</p> <p>1° un document qui indique les personnes ayant les droits fonciers, délivré par le comité foncier au niveau de la Cellule, approuvé par l'autorité de la Cellule et celle du Secteur où les terres se situent ;</p> <p>2° une copie de la pièce d'identité ou d'enregistrement du demandeur</p>
---	--	---

<p>3° inyandiko igaragaza irangamimerere ry'uwandikisha ubutaka, iyo ari umuntu ku giti cye;</p> <p>4° inyandiko yemeza inomeru y'ubutaka, iyo izwi, cyangwa ifishi y'ibipimo by'ubutaka, iherekejwe na raporo y'ipimwa ry'ubutaka iriho umukono w'uwandikisha ubutaka n'uw'uwapimye ubutaka.</p>	<p>registration;</p> <p>3° a civil status record of the applicant for land registration, in case of an individual;</p> <p>4° a document proving the number of the land, if known, or a deed plan of the land, accompanied by a land survey report signed by the applicant for land registration and the land surveyor.</p>	<p>d'enregistrement foncier ;</p> <p>3° un acte de l'état civil du demandeur d'enregistrement des terres, au cas où c'est un particulier;</p> <p>4° un document qui prouve le numéro des terres, lorsqu'il est connu, ou la fiche cadastrale des terres, accompagnée d'un rapport d'arpentage signé par le demandeur d'enregistrement des terres et par l'arpenteur-géomètre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku ihuzwa n'ikatwa ry'ubutaka</b></p>	<p><b><u>Article 34:</u> Land registration on basis of land readjustment</b></p>	<p><b><u>Article 34 :</u> Enregistrement foncier suite au réajustement foncier</b></p>
<p>Ubutaka bukomoka ku gikorwa cy'ihuzwa n'ikatwa ry'ubutaka bwandikwa muri rejisitiri y'ubutaka hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.</p>	<p>Land derived from land readjustment is recorded in the land register in accordance to the provisions of this Order.</p>	<p>Les terres issues de réajustement foncier sont enregistrées dans le registre foncier conformément aux dispositions du présent arrêté.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku nyandikompesha</b></p>	<p><b><u>Article 35:</u> Land registration on basis of enforcement order</b></p>	<p><b><u>Article 35 :</u> Enregistrement foncier suite au titre exécutoire</b></p>
<p>Iyandikishwa ry'ubutaka rishingiye ku nyandikompesha rikorwa hamaze kugaragazwa inyandiko zikurikira:</p>	<p>Land registration on basis of an enforcement order is done upon presentation of the following documents:</p>	<p>L'enregistrement foncier suite au titre exécutoire est effectué sur présentation des documents suivants :</p>
